**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080


# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 7, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI, IGICE CYA MBERE WERURWE (01-10) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 12 Werurwe, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Werurwe 2020 kuva tariki ya 01 kugeza tariki ya 10, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Kigali mu Karere ka Kicukiro hapimwe milimetero 163.4, ubupimiro bwa Gitega mu karere ka Nyarugenge hapimwe milimetero 104.8, ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 142.6 ku bupimiro bwa Nyamagabe mu karere ka Nyamagabe hapimwe 125.8, Ubupimiro bwa Kazo mu karere ka Ngoma hapimwe 136.4, ku bupimiro bwa Byumba mu karere ka Gicumbi hapimwe128.6 ndetse no ku bupimiro bwa Rubengera mu karere ka Karongi hapimwe milimitero 11.9mm. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Gisenyi mu karere ka Rubavu ingana na milimetero 36.8. Intara y'Uburengerazuba bw'amajyepfo iy'Uburasirazuba no hagati mu gihugu niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane nubwo bwagabanutseho gato ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 29.7(°C ) mu Bugarama na 23.1°C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 19.2 ku bupimiro bwa Bugarama na 12.6°C ku bupimiro bwa Busogo.




**Ishusho 1**: Imvura yaguye ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.


## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Werurwe 2020.

## 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya kabiri hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya mbere cya Werurwe 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 163.4 na milimetero 36.9. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Kigali mu karere ka Kicukiro ingana na milimetero (163.4mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Gisenyi mu karere ka Rubavu hapimwe milimetero (36.9mm).

bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari nyinshi cyane muri iki gice cya mbere cya Werurwe 2020 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Gisenyi mu karere ka Rubavu habonetse imvura iri hasi gato y'isanzwe ihagwa muri iki gice cya mbere.





*Ikarita2: Ingano y'Imvura muri mm*

## 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Werurwe

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, Ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Werurwe.


Ubusanzwe iki igice cya Werurwe kigusha imvura iri hagati ya milimetero 50.7 na 5.4;




*Ikarita 3:Imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Werurwe*


## 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 4 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi kwa Werurwe 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi itatu n'iminsi itandatu (3-6) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye hagati y'iminsi 3 n'iminsi 7. Iminsi mike yabaye 3 ku bupimiro bwa Kawangire mu karere ka Kayonza , iminsi myinshi yabaye 7 ku bupimiro bwa Kigali mu karere ka Kicukiro no ku bupimiro bwa Rusizi.




*Ikarita 4: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo*

## 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




*Ikarita 5: Ubuhehere bw'ubutaka*

Ikarita ya 5 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cya Werurwe 2020 bwiyongereye cyane mu ntara y'Amajyaruguru, Uburasirazuba ndetse no mu mujyi wa Kigali, bitewe n'ibihe by'imvura byaranze iyi minsi.


Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buziyongera mu gice cya kabiri cya Werurwe bitewe n'ibihe by'ubukonje buteganyijwe.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ikarita ya 6 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu Majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 23.1 na 29.7$^{0}$C ahenshi mu gihugu.




*Ikarita ya 6: Ubushyuhe bwo hejuru*

### 2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya 7 irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 12.6 (Busogo) na Dogere Selisiyusi 19.2 (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.




*Ikarita ya 7: Ubushyuhe bwo hasi*

### 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Werurwe (tariki 11-20) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije n'igice cya mbere cya Werurwe, hateganyijwe imvura iringaniye henshi mu gihugu mu gice cya kabiri cya Werurwe. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 50 na 80

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ibihe by'imvura mu gice cya kabiri cya Werurwe 2020 (tariki 11-20), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gutera imbuto ndetse bakanegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye no gutera imbuto zijyanye n'igihe turimo. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.